

**UBUTUMWA YEZU YAHAYE VALENTINE NYIRAMUKIZA KU ITARIKI YA 05/04/2020 SAA
CYENDA NA MIRONGO INE ZA NIJORO (3h40) I BURUSELI MU BUBILIGI.**

YEZU : Nyiramukiza mwana wanjye nkunda ntega amatwi ngutume.

VALENTINE : Karame Papa, ndi hano ndi igikoresho cyawe ngo untume aho ushaka no ku bo ushaka.

YEZU : Ikinzanye kirihutirwa mwana wanjye. Ubushize navuze ko nifuza ko mukora amasengesho y' iminsi itatu. Nicyo narinje kugutuma ngo uzakimenyeshe n'abandi musanzwe mufatanyaga gusenga muri ubwo buryo, n'ababishakaga bose kuko ibihe turimo birakomeye cyane.

Navuze ko n'abatazabishobora guhura n'abandi ko nzaba ndikumwe nabo aho bazaba bari hose. Ni ikibazo narinzi ko mutazabona uko muhura kubera impamvu zitabaturutseho, ariko mugahurira ku mugambi wanjye aho muri hose, mu ngo zanyu, no mu bihugu bitandukanye.

Ya minsi rero ni iyi :

« Ni uguhera **kuwa Kane Mutagatifu, Ku wa Gatanu Mutagatifu, Kuwa Gatandatu Mutagatifu** mugasoza **ku Cyumweru kuri Pasika Ntagatifu** ».

VALENTINE : None se Papa urumva tuzabishobora gute ko bitoroshye na gato ? Ubwo se abantu basenga hamwe bate ? Batari kumwe cyangwa se batarebana ? Mbese ntakubeshye nanjye simbyumva neza uko bizagenda. N'uwambaza sinabona uko mbimusobanurira.

YEZU : Humura mwana wanjye ndabizi ko bitoroshye na gato ariko sinasaba ikidashoboka. Humura bizashoboka rwose. Abantu bazasenga hamwe nk'uko mumaze iminsi mubigenza nk'uko mwabigenjeje.

Ntabwo ari ngombwa ko muba muri kumwe musenga murebana kuko uwo mubwira ni Njyewe kandi tuzaba turi kumwe mwese. Ni aho shitani yibeshyera ikahatsindirwa mwana wanjye.

Wihangayika shitani yari igambiriye gufunga Kiriziya n'Insengero ikoresheje inzugi z'isi yibagirwa ko abazituyemo bafite ububasha bwinshi buhanitse.

Ni Njye ugenga byose, ubatuyemo mukambamo. Ni nde rero wabahangara ! Yaca he Mama Bikira Mariya !

VALENTINE : Urakoze cyane Papa unkuye kure kuko byari binteye ubwoba uko nzabisobanura.

Tuzabigenza gute se ngo bizagende uko ubishakaga ?

Papa umbabarire nibutse ikintu yenda ni Wowe ubishatse ko mbyibuka.

Abantu barambajijje bati kuki hamwe uvuga uti: Mbateze amatwi, ahandi Nguteze amatwi, ngo bishatse kuvuga iki? Natandukiriye umbabarire ni uko narimbyibutse.

YEZU : Uko muzabigenza bikaba uko mbishaka ni Njye mbaha byose ntacyabananira turi kumwe kuko ibibazo byugarije isi ni byinshi ntaho murageza.

Igisubizo urakizi ni iki: iyo ndi kumwe na Mama Bikira Mariya ugomba kuvuga : MBATEZE AMATWI, NDI jyenine na We ari wenyine ni NGUTEZE AMATWI. Wabyumvise ?

VALENTINE : Urakoze Papa, nabyumvise.

YEZU : Dukomeze. Urakoze gusobanuza ni byiza.

Impamvu nasabye aya masengesho ni iyi :

1. Gusabira Kiriziya Gatorika, mushyireho umwete kuko igeze ahakomeye.
2. Gusabira Papa, abakardinali, Abasenyeri, Abapadiri, kugirango bamurikirwe na Roho Mutagatifu boye kugendera mu buyobe kuko harimo benshi batankorera uko bikwiye biyeguriye indi Mana yabo itazwi. Urugero: Gukunda iby'isi n'ab'isi, amafranga, amazu, imitungo no kurarikira ikizira.
3. Kudasenga bihagije nkuko bikwiye ngo bashobore guhashya sekibi wigabije kugusha Kiriziya.
4. Gusenga musaba ngo iki cyorezo gihagarare, abantu basubirane ubumuntu, kuko shitani ishaka ko abantu basubiranamo bakicana, urukundo ruke, kwiheba n'ibindi bibi bikaziraho imiyaga, imyuzure, inzara, inzangano n'ubwicanyi butandukanye mu bihugu bimwe na bimwe. Ni ukugirango muzajye muhora mwiteguye bana banjye, mutazatungurwa kandi narababuriye kenshi mbasura nkabatumaho.
5. Gusenga musabira ingo, abashakanye n'abitegura kubana kureka ingeso mbi, gukunda nta nyungu, nta buryarya kandi bakabaho gikirisitu.
6. Gusenga musabira ibihugu mukomokamo n'abayobozi babyo ngo bategekane ukuri, ubutabera n'urukundo muri byose.
7. Gusabira ibihugu bibacumbikiye n'abayobozi babyo bose ngo bategekane ukuri, ubutabera n'urukundo muri byose.
8. Kwisabira na mwe ubwanyu abakristu ngo mujye muhora mwiteguye mutazatungurwa.
9. Gusabira abahitanywe na kino cyorezo bakagenda batunguwe na Roho zo muri Purugatori kugirango Pasika izababere izuka rishya.
10. Gusabira abarwayi bose muzi n'abo mutazi, cyane cyane abari gusamba mu minsi yabo ya nyuma, mbese b'ingeli zose kw'isi.

Amasengesho yanyu azakiza benshi, akize byinshi byari bigiye kugwirira isi n'abayituye na mwe murimo.

Uko muzakurikiranya ibisabisho :

- Kuwa Kane Mutagatifu : 1, 2, 3
- Kuwa Gatanu Mutagatifu : 4, 5, 6
- Kuwa Gatandatu Mutagatifu : 7, 8, 9
- Kuri Pasika : 10

Nzaba ndi kumwe na mwe mbahe mwese umubiri n'amaraso byanjye, mbakize mbahe umugisha.

Nimurangiza muzavuge aya masengesho akurikira :

- **Isengesho ryo kwicuza ibyaha**

Nyagasani ibyaha nakugiriye byose ndabyanze, kuko binteranya na We, bikadutandukanya ari Wowe untunga ukandengera iteka, kandi ndabyangira yuko ari byo byicishije Yezu Kristu Umwana wawe ukunda ; Dawe ubinkize sinshaka kubisubira. Ndashaka kuba uwawe.

- **Isengesho ryo gusabira abatwanga**

Mana y'urukundo n'amahoro, abatwanga bose ubakize ibyaha byabo byose, ariko natwe uturinde imitego yabo ukomeje, kubwa Yezu Kristu Umwami Wacu. Amina.

- **Dawe uri mwijuru**

Dawe uri mu ijuru, Izina ryawe ryubahwe; ingoma yawe yohere hose. icyo ushaka gikorwe mu nsi nkuko gikorwa mu ijuru. Ifunguro ridutunga uriduhe none, utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarire abaducumuyeho; ntudutererane mu bitwoshya , ahubwo udukize icyago. Amina.

- **Ndakuramutsa Mariya**

Ndakuramutsa Mariya, wuje inema uhorana n'Imana; wahebuje abagore bose umugisha; na Yezu umwana wabyaye arasingizwa. Mariya mutagatugu Mubyeyi w'Imana , uranjye udusabira twe abantabyaha kuri ubu n'igihe tuzapfira. Amina.

- **Hubahwe Imana Data**

Hubahwe Imana Data,na Mwana na Roho Mutagatifu nkuko bisazwe iteka, Wubahwe ni ubu ni itaka ryose. Amina.

Wirirwe mwana wanjye nguhaye umugisha wa Kibyeyi.

Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

VALENTINE : Wirirwe Papa. Urakoze cyane.